# ITEGANYAGIHE RY'IGIHEMBWE CY'ITUMBA 2025, Nº69

Ikigo cy'u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (METEO RWANDA) kinejejwe no gutangariza abaturarwanda bose ko Igihembwe cy'imvura y'Itumba (Werurwe-Gicurasi) rya 2025, giteganyanyijwemo imvura iri hagati ya **milimetero 250 na 550**, ikaba iri hasi gato y'impuzandengo y'imvura isanzwe igwa mu Itumba (250 mm - 650 mm).

Ingano y'imvura iteganyijwe mu Itumba rya 2025 izaturuka ku miterere y'amazi y'inyanja ya Pasifika azaba afite ubushyuhe buri hasi y'ikigero gisanzwe (**La Niña**) ndetse n'inyanja y'Ubuhinde izaba ifite ubushyuhe buri ku kigero gisanzwe. Tugereranyije n'ibihe byatambutse, imvura iteganyijwe mu Itumba rya 2025 irajya gusa n'iyaguye mu Itumba ry'umwaka wa 2017 ndetse n'uwa 2021.

## INGANO Y'IMVURA ITEGANYIJWE HASHINGIWE KU MITERERE YA BURI KARERE:


- **Imvura iri hagati ya milimetero 250 na 350:** iteganyijwe mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Rwamagana, Bugesera no mu gice kinini cya Kayonza n'uburengerazuba bw'Akarere ka Ngoma.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 350 na 450:** iteganyijwe mu Ntara y'Amajyaruguru, Mu Mujyi wa Kigali, mu turere twa Kirehe na Ngororero, uburasirazuba bw'Uturere twa Kayonza, Nyabihu, Karongi, Rutsiro na Ngoma, iteganyijwe kandi mu Ntara y'Amajyepfo uretse igice kinini cy'Akarere ka Nyamagabe na Nyaruguru.

- **Imvura iri hagati ya milimetero 450 na 550:** iteganyijwe mu turere twa Rusizi, Nyamasheke, Rubavu, n'ibice binini by'Uturere twa Nyamagabe, Nyaruguru, Karongi, Rutsiro n'uburengerazuba bw'Akarere ka Nyabihu.

METEO RWANDA(Director General)

Address: Nyarugenge KN2, 96st
P.O Box 898 KIGALI
E-mail: info@meteorwanda.gov.rw
Website: www.meteorwanda.gov.rw
MeteoRwanda | Meteo Rwanda
Toll Free: 6080




**ITANGIRA RY'IMVURA Y'ITUMBA 2025 N'IGIHE IZACIKIRA**

**Biteganyijwe ko imvura y'itumba izatangira kugwa mu buryo bukurikira :**

❖ **Hagati ya taliki ya 10 na 20 Gashyantare 2025**

Hateganyijwe ko imvura y'Itumba izatangira kugwa mu Karere ka Nyaruguru, Nyamagabe, Nyamasheke, Rusizi, igice gito cy'amajyepfo y'Uturere twa Gisagara na Huye ndetse n'igice kinini cy'uburengerazuba bw'Akarere ka Karongi.


❖ **Hagati ya taliki ya 20 Gashyantare na 02 Werurwe 2025**

Hateganyijwe ko imvura y'Itumba izatangira kugwa mu Ntara y'Amajyaruguru, mu Mujyi wa Kigali, mu turere twa Rubavu, Nyabihu, Rutsiro, Ngororero, Rwamagana, Ngoma, Bugesera, amajyepfo y'Akarere ka Kirehe, uburasirazuba bw'Akarere ka Karongi, mu Ntara y'Amajyepfo uretse Uturere twa Nyamagabe na Nyaruguru n'amajyepfo y'Uturere twa Huye na Gisagara.

❖ **Hagati ya taliki ya 02 na 12 Werurwe 2025**

Hateganyijwe ko imvura y'Itumba izatangira kugwa mu turere twa Nyagatare, Gatsibo, Kayonza, n'amajyaruguru y'Akarere ka Kirehe.

METEO RWANDA(Director General)




**Imvura iteganyijwe gucika ku matariki akurikira:**


- **Hagati ya taliki ya 10 na 20 Gicurasi 2025**

  Hateganyijwe ko imvura y'Itumba izacika mu Mujyi wa Kigali, mu Ntara y'Iburasirazuba, iy'Amajyaruguru, iy'Amajyepfo uretse uburengerazuba bw'Uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe, iy'Uburengerazuba uretse Uturere twa Nyamasheke, Rusizi n'amajyepfo y'Akarere ka Karongi.

- **Hagati ya taliki ya 20 na 30 Gicurasi 2025**

  Hateganyijwe ko imvura y'Itumba izacika mu turere twa Rusizi, Nyamasheke n'amajyepfo y'Akarere ka Karongi, uburengerazuba bw'Uturere twa Nyaruguru na Nyamagabe.

METEO RWANDA(Director General)




## IMBONERAHAMWE IGARAGAZA INGANO Y'IMVURA, ITAGIRA N'ICIKA RY'IMVURA Y'ITUMBA RYA 2025

| INTARA | AKARERE | IMVURA ITEGANYIJWE (mm) | ITANGIRA RY' IMVURA | ICIKA RY'IMVURA |
|---|---|---|---|---|
| **Umujyi wa Kigali** | Nyarugenge | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Gasabo | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Kicukiro | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Musanze | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |

METEO RWANDA(Director General)

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **Amajyaruguru** | Gicumbi | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Rulindo | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Gakenke | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Burera | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| **Amajyepfo** | Kamonyi | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Muhanga | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Ruhango | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Nyanza | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Huye | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Gisagara | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Uburasirazuba bwa Nyamagabe | 350-450 | 10-20 Gashyantare | 10-20 Gicurasi |

METEO RWANDA(Director General)

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Igice Kinini cya Nyamagabe | 450-550 | 10-20 Gashyantare | 20-30 Gicurasi |
| | Uburasirazuba bwa Nyaruguru | 350-450 | 10-20 Gashyantare | 10-20 Gicurasi |
| | Igice Kinini cya Nyaruguru | 450-550 | 10-20 Gashyantare | 20-30 Gicurasi |
| **Iburasirazuba** | Igice kinini cya Bugesera | 250-350 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Uburengerazuba bwa Bugesera | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Rwamagana | 250-350 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Igice kinini cya Kayonza | 250-350 | 02-12 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Uburasirazuba bwa Kayonza | 350-450 | 02-12 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Igice kinini cya Ngoma | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Uburengerazuba n'amajyaruguru bya Ngoma | 250-350 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Igice Kinin cya Kirehe | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Amajyaruguru ya Kirehe | 350-450 | 02-12 Werurwe | 10-20 Gicurasi |

METEO RWANDA(Director General)

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | Gatsibo | 250-350 | 02-12 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Nyagatare | 250-350 | 02-12 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| **Iburengerazuba** | Igice kinini cya Nyabihu | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Uburengerazuba bwa Nyabihu | 450-550 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Rubavu | 450-550 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Igice Kinini cya Rutsiro | 450-550 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Uburasirazuba bwa Rutsiro | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Igice kinini cya Karongi | 450-550 | 10-20 Gashyantare | 10-20 Gicurasi |
| | Uburasirazuba bwa Karongi | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Ngororero | 350-450 | 20 Gashyantare-<br>02 Werurwe | 10-20 Gicurasi |
| | Nyamasheke | 450-550 | 10-20 Gashyantare | 20-30 Gicurasi |
| | Rusizi | 450-550 | 10-20 Gashyantare | 20-30 Gicurasi |

METEO RWANDA(Director General)

**INAMA KU MVURA ITEGANYIJWE MU GIHEMBWE CY’ ITUMBA RYA 2025**

METEO RWANDA ku bufatanye na Minisiteri y’Ibidukikije, Minisiteri y’Ubuhinzi n’Ubworozi, Minisiteri ishinzwe Ibikorwa by’Ubutabazi (MINEMA), Minisiteri y’Ubuzima n’Ikigo cy’u Rwanda gishinzwe Iterambere ry’Ubuhinzi n’Ubworozi (RAB), barasaba inzego zose za Leta, imiryango idaharanira inyungu, imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, ibigo by’abikorera ku giti cyabo ndetse n’Abaturarwanda bose muri rusange gushingira kuri iri teganyagihe mu igenamigambi rya buri rwego hagamijwe kuzamura umusaruro no gufata ingamba zijyanye no gukumira ingaruka zituruka ku miterere y’ikirere muri iri Itumba rya 2025. Turasaba abaturarwanda bose kwegera inzego z’imirimo bakorana kugirango zirusheho kubagira inama yo kunoza igenamigambi ry’imirimo yabo muri iki gihe cy’Itumba rya 2025.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n’uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy’u Rwanda gishinzwe Ubumenyi bw’Ikirere (METEO RWANDA) hakoreshwa imbuga nkoranyamabanga zitandukanye cyangwa bagahamagara kuri nimero itishyurwa 6080.
Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n’irindi risanzwe mu gihe cy’Ukwezi, Iminsi icumi (10), iminsi irindwi (7), iminsi itanu (5), iminsi itatu (3), iteganyagihe ritangwa buri munsi n’iteganyagihe riburira.

Bikorewe i Kigali, kuwa 22/01/2025.

METEO RWANDA(Director General)

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**